**INSTITUTE OF REAL PROPERTY VALUERS IN RWANDA**

**ORDRE DES EVALUATEURS DES BIENS IMMOBILIERS AU RWANDA**

SEC
Afficher aux valves
Group whatsapp
Website.

Kigali, kuwa 18 Gashyantare 2019

Ref.: IRPV/BD/1643/02/2019

FOR RECEPTION BY PBA
Date 18/02/2019
Signature ......
Name ......

Perezida w'Urugaga

Rw'Abahesha b'Inkiko (PBA)

**Impamvu:** Serivisi z'igenagaciro zihabwa Abahesha b'Inkiko

Bwana Perezida,

Tubandikiye tugirango twongere tubashimire ku mikoranire myiza yabaranze mu ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko No 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018, inama zitandukanye twagiye tugirana mu rwego rwo kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryavuzwe haruguru, twizera ko ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama twakoranye zitandukanye twagiye dukorana irimo gutanga umusaruro.

Bityo mu rwego rwo kurushaho kunoza serivisi nziza zihabwa abahesha b'inkiko, turabamenyesha Abahesha b'inkiko bamaze kumenyera uko basaba ko hashyirwaho abagenagaciro binyuze mu muyoboro w'ikoranabuhanga (Online system), bityo nk'uko basanzwe bishyura amafranga **ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5,000 rwf)** bibasabye kujya kuri Banki no kuzana inyemezabwishyu (Bordereau/ bank slip), turabamenyesha ko ayo mafranga bazajya bayishyura bakoresheje Mobile Money binyuze muri system basanzwe banyuramo guhera tariki 25 Gashyantare 2019.

Nk'uko byari byaremejwe kandi n'Inama zitandukanye twagiye tugirana, raporo abagenagaciro bazakora zizashyirwa muri system guhera iyo tariki yavuzwe haruguru zizaba zifite QR Code, zizahererekanywa hakoreshejwe ikoranabuhanga bidasabye kuzicapisha keretse igihe bikenewe.

Turabizeza gukomeza kunoza serivisi nziza zihabwa abahesha b'inkiko no gukomeza imikoranire myiza iteza imbere ubunyamwuga mu gihugu cyacu

Turabashimiye

P.O

**GATSIROMBO Egide**

**Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi y'Urugaga rw'Abagenagaciro (IRPV)**

CHIC Building 2nd Floor, P.O Box 6736 KIGALI, Cell : +250 788501515/ +250788788122,
email : irpv.rw@gmail.com, website: www.irpv.rw